Tegereza igihe kingana n'igihe wamaraga mu mihango, nurangiza wiyuhagire

Hadith yaturutse kwa Aishat Nyina w'abemeramana (Imana imwishimire) yavuze ko: Umu Habibat bint Djah'shi wari utunzwe na Abdu Rahman Ibun Awfi yagiye kubaza Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ibyerekeye amaraso, nuko iramubwira iti: "Tegereza igihe kingana n'igihe wamaraga mu mihango, nurangiza wiyuhagire." Icyo gihe yajyaga yiyuhagira buri uko agiye gusali.

[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Muslim]

Umwe mu basangirangendokazi b'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yabajije Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ko akomeza kubona amaraso ubudahagarara; nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) imutegeka ko areka gusali igihe kingana n'icyo yamaraga ari mu mihango mbere y'uko ibi bimubaho, nyuma yaho akajya yiyuhagira agasali! Yajyaga yiyuhagira buri uko agiye gusali.

http://sunnah.global/hadeeth/rw/show/10015